

Newspaper



RUSHYASHYA

EBENEZER MEDIA GROUP LTD

Ikinyamakuru cya sosiyete EBM GROUP (Ltd) kigenga, kitabogama

Vol. 163, 30 Mata - 10 Gicurasi, 2013, Tel: (+250) 0788350655/ 0788501831, Email: rushyashya@gmail.com, igiciro 500 Frw, 1500Ugsh, 1000 Frb

Tanzania n'uRwanda bishobora kurwana kubera M23



**Inama ya Norvege
yateguraga
Umugambi wo gutera
u Rwanda**



**Ishyaka
rishya rya
politiki mu
Rwanda**

Inama ya Norvege yateguraga Umugambi wo gutera u Rwanda

Umwanditsi wacu

Amakuru yizewe ahama yuko Inama iherutse kubera Oslo muri Norvege yari igamije gushaka uko abarwanya leta y'u Rwanda bahuriza hamwe gushaka ukuntu batera iki gihugu ngo bakureho ubutegetsi buriho.

Iyi namayahuje abanyarwanda batandukanye, batapfa bavuze rumwe muri politike bagahuzwa gusa n'u rwango bafitiye Kagame. Aba banyarwanda baturutse mu bihugu byo ku mugabane w'uburayi banayitumiramo abaturage bo muri DRC basanzwe bazwiho kuvuga nabi u Rwanda cyimwe na bamwe mu baturage ba Norvege bafite aho bahuriye n'abo banyarwanda bifuzaga gutera u Rwanda.

Amakuru yizewe agera kuri Rushyashya avugako abari bayiri inyuma ari ba Kayumba na Karegeya kuko muri abo harimo na Musonera Jonathan, uhagarariye ihuriro RNC mu Bwongereza. Ubwoyafataga ijamba yavuze ko ikibazo abanyarwanda bafite muri iki gihe ngo atari icy'amoko, ko ahubwo ari ibibazo by'imitegekere mibi n'igitugu byagiye biranga u Rwanda kuva ku ngoma ya cyami, iya Kayibanda, iya Habyarimana ngo kugeza ubu, aho ngo abo ba Perezida bose bagiye bategeka u Rwanda bagiye barangwa no kurema agatsiko k'abatoni babo, ngo abandi badashaka bakabigizayo, bityo asaba abanyarwanda gushyira hamwe bakarwanya Leta ya Kigali. Mu gihe ariko uhagarariye RNC mu Bwongereza avuga yuko nta kibazo cy'amoko kiri mu Rwanda ba shebuja, Nyamwasa, Karegeya na Rudasingwa mu nyandiko yabo bise Rwanda briefing bavugaga yuko ikibazo cy'amoko kiriho mu Rwanda.

Mu bandi bari aho barimo



Musangamfura Sixbert wa FDU-Inkingi. (Photo / File)

na none Musangamfura Sixbert ushinze ububanyi n'amahanga mu ishyamba rya FDU-Inkingi ya Ingabire Victoire, na we wafashe ijamba asaba abanyarwanda gufatanya bakarwanya Leta ya Kagame bivuye inyuma, akaba asanga nta muntu ukwiriye kubuza umunyarwanda uburenganzira bwe bwo kwisanzura, ko uburenganzira buharanirwa, bityo asoza

ashimangira ko abanyarwanda bakwiriye kurenga ikibazo cy'amoko, ngo ahubwo bagashyira hamwe mu gutegura ejo hazaza h'igihugu cyabo. Ntabwo yasobanuye uburyo muri iki gihe mu Rwanda hatari uburenganzira bwo kwisanzura!

Iyo nama yanitabiriwe n'abanyekongo baje gutungura abantu ubwo bavugiraga ku



Ingabo z'u Rwanda ziri maso. (Photo / File)



Musonera Jonathan, uhagarariye ihuriro RNC mu Bwongereza. (Photo/ Net)

mugaragarako bari bazi ko abanyarwanda bose ari ababaye mu ntambara zitandukanye zagiye zibagabaho ibitero, zigahitana abenegihugu babo, ariko ngo ubu baje kumenya ko umwanzi wabo atari abanyarwanda bose, ko ahubwo ari Umututsi na Perezida Kagame, ngo bagamije gusa gusahura igihugu cyabo. Igitangaza ariko kurushaho n'uko abanyarwanda bari muri icyo gihe n'umwe nibura wasobanuriye abo banyekongo yuko Kagame n'abo bita abatutsi ari ibintu bibiri bitandukaye cyangwa nibura bakababwira yuko niba koko Kagame ariwe ushahura Congo bakwiye

kuryama bagasinzira kuko yaba asahura akavungukira katagira ingaruka na ntoya ku gihugu cyabo!

Iyo nama yasojwe yemeje ko na none abari bayigize bazongera guhura mu mezi ataha, ikaba na none ngo izabera mu gihugu cya Norvege, aho izahura abanyarwanda batandukanye babarizwa mu bihugu bya Scandinavia. Amakuru avugaga yuko impirimanyi zari ziyirimo zakoraga utundi tunama ku ruhanda two gupanga uko batera u Rwanda ariko bakabura igisubizo kuko uretse n'ubushobozi buke nabo ubwabo ntabwo batahiriza umugozi umwe!

Inama y'Ubwanditsi

Nyir'ikinyamakuru:
EBENEZER MEDIA GROUP

Umuyobozi Mukuru:
Buras Jean Gualbert Tel: +250-788350655, Email: burasajean@yahoo.fr

Umwanditsi Mukuru:
Kayumba Casmiry Tel: +250 - 0788501831

Ijambo ry'ibanze

Tanzania n'u Rwanda bive mu mikino

Ibintu biragaragarira wese yuko Tanzania n'u Rwanda bishobora kujya mu mirwano kubera ikibazo cya Congo. Nyamara ukuri uko kumeze n'uko ntagihugu na kimwe cya kungukira muri iyo mirwano. icyafasha ibyo bihugu byombi n'uko byakwirinda icyatuma birwana.

Tanzania igomba kutirengagiza yuko u Rwanda rufite inyungu zo gukurikirana ibibera mu burasirazuba bwa Congo kuko abarutera ariho baturuka. Nyamara Tanzania ntabwo inyungu nk'izo zigaragara uretse kwishakira ishema gusa. Ariko gushaka ishema ukoresheje amaraso y'abana b'igihugu ni ibintu bidateye ishema.

Ikibazo cya Congo ntabwo ari icy'uyumunsi. Kikwete yavutse agisanga. Kwibaza rero yuko yagikemura arasanye n'u Rwanda yaba yibeshye cyane kuko na mugenzi we, Paul Kagame yavutse agisanga.

- Ubwanditsi

Mutsindashyaka agarutse mu rubuga rwa Politiki

Umwanditsi wacu

Nyuma y'igihe kitari gito asa n'uwateye umugongo Politiki yo mu Rwanda, Mutsindashyaka Théoneste yongeye kugirirwa icyizere, aho yagizwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umuryango ushinzwe kurwanya ikwirakwiza ry'intwano nto n'iziciriritse mu karere k'Ibiyaga Bigari, mu Ihembe rya Afurika no mu bihugu bihana imbibi RECSA (Regional Centre on Small Arms).

Itangazo ry'Ibyemezo by'inama y'Abaminisitiri yayobowe na Perezida Kagame yo ku wa 24 Mata 2013, ni bwo Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko Inama y'Abaminisitiri b'Ibihugu bigize Umuryango RECSA (Regional Centre on Small Arms) ushinzwe kurwanya ikwirakwiza ry'intwano nto n'iziciriritse mu Karere k'Ibiyaga Bigari, mu Ihembe rya Afurika no mu bihugu bihana imbibi, yateraniye i Kigali kuva ku itariki ya 22 kugeza ku ya 23 Mata 2013 yahaye imyanya y'imirimo abakandida batanzwe na



Mutsindashyaka Théoneste. (Photo / File)

Guverinoma y'u Rwanda ari bo Mutsindashyaka Théoneste wagizwe Umunyamabanga Mukuru, na SC Kamali Theophile wagizwe Umuyobozi ushinzwe igenamigambi n'ikurikiranabikorwa (Director of Planning and Coordination).

Mutsindashyaka Théoneste yakoze akazi gatandukanye ka Leta, aho yabaye Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, aba Guverineri w'Intara

y'Iburasirazuba, aba Umunyamabanga wa Leta muri Minisitiri y'Uburezi, yavuye aho yerekeza muri Gereza Nkuru ya Kigali (1930) aho yakekwagaho kunyereza umutungu wa Leta.

Mu mwaka wa 2010, ni bwo yasohotse muri gereza agizwe umwera, kuva icyo gihe ntiyongeye kugaragara muri politiki, none nyuma y'imyaka ine afunguye yongerewe kugirirwa icyizere.

Waruzi ko bishoboka kwiwigisha Igiswahili n'Icyongereza ukoresheje Ikinyarwanda? Gura igitabo cyitwa: "THREE IN ONE" urebe ukuntu uhinduka Umwongereza n'umuTZ mu mvugo.

Gana: INKURU NZIZA, CARITAS, IKIREZI na A to Z Bookshop/Librairie.

GERAGEZA! JARIBU! TRY IT! NTUCIKWE NIBYIZA!

Tanzania n'u Rwanda bishobora kurwana kubera M23



Kikwete, Kagame, Makenga, Kabila na Museveni. (Photo / File)

Kayumba Casmiry

Ibimenyetso byose bishoboka bimaze kugaragaza yuko Tanzania n'u Rwanda bishobora kujya mu mirwano hitwajwe umutwe wa M23 urwanya ubutegetsi bwa Kinshasa.

Iyi ntambara ibaye, kandi iramutse itabaye byaba ari ibitangazabidasanzwe, yahuza ibihugu byinshi bya Afurika ku buryo yanasenya cyangwa igashegesha bikomeye umuryango w'ubumwe bwa Afurika (AU).

Tanzania ifite ubukana cyane. Buri gihe ishakisha ukuntu yakwiyerekana nk'igihangange cya Afurika, kuva mu ibohozwa rya Zimbabwe, Mozambique na Afurika y'Epfo ndetse no mu ntambara ya MPLA na UNITA muri Angola.

Tanzania yahiritse ubutegetsi bwa Amin muri Uganda mu 1979, no mu minsi ya vuba igira uruhare mu gukemuka

kw'ibibazo bya Comoros ubu ikaba iri no mu kibazo cya Madagascar hitwajwe wa muryango wa SADC ibereye umunyamuryango w'ikubitiro.

Muri ubwo bwitange bwayo mu kubohoza ibindi bihugu bya Afurika, Tanzania yahakuye ubutumwa buyitera guhorana ipfunwe. Yahiritse ubutegetsi bwa Iddi Amin ariko Uganda nyuma ya Amini iza itari mu ishusho ya Tanzania, ku buryo uretse gusa Museveni kwiyubahirira Mzee Julius Nyerere, Uganda ya nyuma ya Amin ntabwo yigeze ibana neza na Tanzania. Tanzania yakomeje gushaka kwerekana yuko ari yo boss, ubutegetsi bwa Museveni bukanangira!

Tanzania yagize uruhare rugaragarira buri wese mu gusenya k'ubutegetsi bwa ba gashakabuhake (apartheid) muri Afurika y'Epfo. Muri Tanzania ahitwa Morogoro niho hari icyicaro gikuru cy'amashyamba nka ANC

na PAC yarwanyaga ubwo butegetsi bwahezaga abirabura.

Tanzania yabaye umuvugizi cyane wa ANC ariko iri shyamba rimaze gufata ubutegetsi muri Afurika y'Epfo, baba babyaranye abo. Mu rwego rw'ubucuruzi ugasanga ibihugu nka Kenya, byari bisanzwe bifite imikoranyire na leta ya ba gashakabuhake ari byo byungukira mu mikoranyire na leta ya ANC, Tanzania yiyuhaye icyuza ngo ifate ubutegetsi.

Tanzania nayo ubu imaze kumenya ubucuruzi kuko yanenzwe cyane mu kwitanga kubohoza ibindi bihugu ariko iryo bohozwa ntibiyigirire akamaro. Ku bwa Nyerere Tanzania yarwanyije ubutegetsi bwa Mobutu ariko buza gukurwaho n'urwanda rwa Kagame. Ukurikiranyeye ibyatangazwagwa mu bitangazamakuru byinshi Tanzania yahagiriye ipfunwe, ubu ishaka kwikuraho.

Tanzania igomba kuba

yumva yuko u Rwanda rutera imbere kubera yuko rusahura Congo ikabona yuko ari igisebo gutangwa umushinga n'agahugu gato, ntiyibuke yuko igihugu kitaba agahugu!

Ubutegetsi muri Congo bufite ibibazo by'ababurwanya kandi Kinshasa idashobora gutsinda. Mu burasirazuba bw'icyo gihugu hari ingabo za LONI zikabakaba ibihumbi 20 ariko ibibazo ntibikemuke.

Muri rwa rwego rwo kwigira igihangange Tanzania irashakakubikemura. Yasabye bya bihugu byo mu majyepfo ya Afurika (SADC) yafashije kwibohora ngo bijyane yo, nabyo biremera. Afurika y'Epfo, Angola, Zimbabwe, Namibia na Malawi byemeye kohereza ingabo muri Congo kurwana ku butegetsi bwa Joseph Kabila, bivuze yuko bazaba bagiye kurwana M23 kuko nta wundi mutwe ufite ingufu nkawo.

Tanzania yo, binyujijwe

kuri minisitiri wayo w'itanga zamakuru, Bernard Membe, aherutse kubyibwirira BBC yuko nta mishyikirano igihugu cye gishobora kugirana na M23 uretse gusa yuko iyo M23 yashyira intwari hasi ikemera gutsindwa!

M23 ivuga yuko ibyo itabyemera, kandi ko ibibazo bya Congo bitagomba kwivangwamo n'abanyamahanga. Aha rero niho ikibazo kizazira. Tanzania n'abo izaba ifatanyije nabo bazajya muri Congo kurwana M23 ariko uko bigaragara n'uko batazayishobora, kandi M23 nibananira ntabwo bazabura urwitwazo. U rwambere ruzaba urw'uko Kigali idashyigikiye gusa M23, ahubwo ari yo ibakorera imirwano. Tanzania izavuga yuko itarwana na M23 ahubwo irwana n'u Rwanda nk'uko Kinshasa ihora ibivuga.

Aha niho ikibazo kizavukira

Komeza ku urup. 5

Musenyeri Bimenyimana yafashe ibyemezo. Padiri Nahimana yarahagaritswe

Tom Ndahiro

Kugeza ubu uwari Padiri Thomas Nahimana mubyo azakora bitari politiki y'ubugome n'urwango, ntazongera gusoma misa cyangwa se gutanga amasakaramentu atangwa n'abasaseridoti.

Ubu niba anabikora ntabwo amategeko ya Vatican abimwemerera.

Ku itariki ya 4 Gashyantare 2013, Musenyeri Jean Damascene Bimenyimana yadutangarije ko agiye gufatira ibyemezo abapadiri batangije kandi bandika ku rubuga leprophete. Abo bapadiri ni Fortunatus Rudakemwa na Thomas Nahimana.

Nyumay'icyogihyeyose

twabonye amakuru, kandi yizewe, ko Musenyeri Bimenyimana ibyemezo amaze kubifatira Bwana Thomas Nahimana. Ibyo byemezo yabitangarije abapadiri bomuri diyoseze ya Cyangugu ejo ku itariki ya 19 Mata.

Musenyeri Bimenyimana yabwiye abapadiri ayobora ko Thomas Nahimana yahagaritswe ku mirimo ye y'ubupadiri ku gihe kitazwi. icyo bisobanura ni uko kugirango azongere gukora umurimo yiyitiriraga w'ubupadiri ari uko hari ikindi cyemezo kigomba kuzafatwa na Musenyeri ubifitiye ububasha. Uwo akaba ari Musenyeri wa diyoseze ya Cyangugu.

Abakurikiranira

hafi ibijyanye n'icyo cyemezo, ngo ni uko iryo hagarikwa ry'agateganyo ku gihe kitazwi binavuga guhagarikwa burundu kubera ko umupadiri washinze ishyaka akanibera umuyobozi nta kindi aba ashaka uretse kuvanwa mu murimo w'ubusaseridoti.

Twashatse Musenyeri Bimenyimana ngo aduhe ibisobanuro birambuye nti byadushobokera cyakora uko icyo cyemezo cyafashwe n'igihe cyafatiwe tuzaba tubibagezaho.

Mubyo Musenyeri Bimenyimana yabwiye abo bapadiri bo muri Diyoseze yentiharimo ibya Padiri Rudakemwa. Tuzaba tubigarukaho nyuma.



Musenyeri Bimenyimana JD. (Photo / File)

Tanzania n'uRwanda bishobora kurwana kubera M23

Ibikurikira urup. 4

bigatuma u Rwanda na Tanzania bihangana, nk'uko n'ubu ubona bitarebana neza ! Ntabwo Tanzania izihanganira ikimwaro cyo gukubitwa na M23 yitirirwa u Rwanda, ikibazo kigahinduka icya Tanzania n'u Rwanda. Kubera ubukana usanga Tanzania ifite kandi isanganywe ubwiyemezi yuko ari igihugu kinini kinafitse ishema n'isheje, nk'uko cyakuyeho Iddi Amin, ntako itakwihimurira k'u Rwanda. Ikibazo gusa Tanzania yakagombye kwibaza n'uko byayigwa neza kurwana n'uRwanda kuko cyane yuko byanagira ingaruka mbi ku bihugu byombi no kuri Afurika muri rusange.

Ntabwo ari u Rwanda gusa rushinjwa gushyigikira M23, na Uganda irashinjwa.

Ikintu rero icyo aricyo cyose cyaza kibasiye u Rwanda kubera M23 cyaba kinibasiye Uganda. Tanzania iramutse yiyemeje kujya mu mirwano n'u Rwanda izaba iniyemeje no kuba igiye mu mirwano na Uganda. Mu mateka Kenya ntabwo yigeze igirana umubano mwiza na Tanzania nyuma y'ubwigenge. Na wa muryango wa East African Community ya mbere yasenyutse ahanini kubera umubano utari mwiza hagati ya Tanzania na Kenya, kurusha uko byavugwaga yuko EAC yasenyutse kubera ubwumvikane buke hagati ya Nyerere na Amin.

Intambarahagatiy'uRwanda na Tanzania bizaba bivuze intambara hagati ya Tanzania na Uganda. Umuryango wa Afurika y'uburasirazuba nawo uzaba iyinjyemo



Jacob Zuma. (Photo / File)



Pierre Nkurunziza. (Photo / File)



Uhuru Kenyatta. (Photo / File)

kandi buri gihugu gifite aho kibogamiye. Amateka uko yigaragaza n'uko Kenya ya Uhuru Kenyatta itajya ku ruhande rwa Tanzania nk'uko n'u Burundi bwa Petero Nkurunziza butatererana u Rwanda. Muri EAC Tanzania izaba iri yonyine, kandi ibi yakabaye ibitekerezaho cyane. Izaza irwana n'u

Rwanda rufite ibihugu byinshi birur'inyuma kandi nayo izaba ifite ibindi biyiri inyuma. Iyo ntambara ibaye izaba ari intambara itoroshye na gato.

Kandi uko ibintu bihagaze n'uko iyo ntambara igomba kubaho, keretse Tanzania yisubiyeho kuko u Rwanda rwo rugomba kuyirwana uko byamera kose !

Tanzania ntabwo yumva impamvu ituma M23 ibaho kandi u Rwanda rurayumva, ku buryo rutakwemera uwayihungabagiriza ubusa ! Ibi ntakuntu byabuza ibihugu byombi kutumvikana bikaba byajya no mu mirwano, kandi buri gihugu gifite ikindi kigishyigikiye. Ibaye yaba cyane AU.

Ibibazo 28 Abafaransa bakwiye gusubiza

- Mbere yo guhakana kugira uruhare muri jenocide

Mu gihe mu Bufaransa hizi hazwaga isabukuru y'inyaka 100 ishize hashyizwe umukono ku masezerano y'umubano mwiza hagati y'ibihugu bitatu ari byo u Bwongereza, u Bufaransa n'uBurusiya "Entente Cordial", ibyo birori bikaba byaritabiriye n'umwamikazi w'u Bwongereza Elisabeth II. Minisitiri w'umutekano mu Bufaransa Madame Alliot-Marie yagerageje kwiyibagiza ko hari n'indi sabukuru ya cumi yo kwizihiza undi mubano w'inyabutatu waranzwe hagati y'ubutegetsi bw'u Bufaransa, Abahutu b'intagondwa ndetse n'uruhare rw'u Bufaransa muri Jenocide yakorewe Abatutsi.

Amakuru dukushya ibiro ntaramakuru by'u Rwanda na byo bikushya ikinyamakuru Lidiotduvillage cyo mu Bufaransamunkuru ifite umutwe ugira uti « Le journal Français « Marianne » : au service du Hutu Power ? » igaragaza ibibazo birenga makumyabiri u Bufaransa bugomba gusubiza, bwisobanura ku ruhare rwabwo muri Jenocide yakorewe Abatutsi.

Lidiotduvillage ivuga ko niba u Bufaransa buhakana uruhare rwabwo muri Jenocide yakorewe Abatutsi nk'uko Minisitiri Alliot-Marie abyemeza, yagombye kubanza agasubiza ibibazo bikurikira :

1. Kuki inama zo gushyiraho Guverinoma yahagarikiye ubwicanyi bwa Jenocide yakorewe Abatutsi, zaberaga mu byumba by'inama by'Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda yari ihagarariye na Jean-Philippe Marlaud ?

2. Kubera iki ku wa 27 Mata 1994 nyuma y'iminsi 20 Jenocide itangiye, Abafaransa barimo Perezida François Mitterrand, Alain Juppé na Bruno Delaye ari bo bakiriye, batazuyaje mu Bufaransa, itsindarigizwen'abariabategetsi muri Guverinoma yiyise

iy'abatabazi yahagarikiye Jenocide bayobowe na Jérôme Bicomumpaka ?

3. Kubera iki u Bufaransa mu gihe cya Jenocide ku wa 9 Mata 1994, bwihutiye kwimurira i Paris Agathe Kanziga Habyarimana, umufasha wa Perezida Habyarimana wagize uruhare rukomeye mu gutegura Jenocide yakorewe Abatutsi ?

4. Kuki Kanziga akigera mu Bufaransa yakiranwe urugwiro n'ubwuzu agahabwa indabyo, ahabwa aho kuba ndetse n'amafaranga y'amafaransa 200 000 yo gutangira ubuzima bushya ? (Ibi bigaragara mu gitabo cya Patrick de Saint-Exupéry cyanditswe mu mwaka wa 2004 ku ipaji ya 259).

5. Kuki Madame Kanziga, ku wa 19 Mutarama 2004 yitabiriye umunsi mukuru w'ishyirahamwe mpuzamahanga ry'ibihugu bikoresha igifaransa ? (Icyo gihe ikinyamakuru lidiotduvillage cyanditse inkuru igira iti "Francophonie et petits meurtres entre amis.")

6. Kuki tariki ya 17 Nyakanga 1994, Abasirikare b'Abafaransa bihutishije ibikorwa byo guhungisha Guverinoma yari irangije gukora Jenocide ikerecyezwa



Francois Hollande. (Photo / Net)

mu cyahoze ari Zaire ?

7. Ese byari ukuri nk'uko Human Right Watch yabitangazaga, u Bufaransa bwakomeje gutwaza Interahamwe mu birindiro by'ingabo zabwo byari biherereye muri Repubulika ya Centrafrika ? (Aha hari mu kwezi kwa Nzeri 1994). Ibindi kuri iyi myitoto bigaragara muri Raporo ya Human Right Watch yo mu kwezi kwa Gicurasi 1995 ku rupapuro rwa 9 kugeza ku 10 yari ifite umutwe ugira uti, "Rwanda/Zaire, Réarmement dans l'impunité. Le soutien

international aux auteurs du génocide rwandais. »

8. Ese ni ukuri ko Paul Barril, wari umujyanama wa Perezida Habyarimana, ari we wabaye umuhuza mu igurwa ry'ibisasu bibiri bya Misile zirasirwa ku butaka zakoreshejwe haraswa indege yaritwaye Habyarimana ? Aha ni hagati y'Ugushyirahamwe 1993 na 1994. Ese izo misile ntizari izo kurasa Habyarimana ? (Amakuru ku iraswa agaragara mu gitabo cya Patrick de Saint-Exupéry kitwa « L'inavouable » tugenekereje mu Kinyarwanda

« Amahano » mu nyandiko ifite umutwe ugira uti « Nta mutangabuhamya ugomba kurokoka » kuri paji ya 256. »

9. Ese Paul Barril yakoraga iki mu Rwanda ubwo indege yahanurwaga ? Ese ni byo koko yakoreraga guverinoma yakoraga Jenocide kugira ngo ahembwe amatorari ya Amerika angana na 1,200,000 mu gikorwa cyiswe "Opération Insecticide" tugenekereje "Igikorwacyokwicaudusimba" (RTL) yo yavugaga kwica Inyenzi z'Abatutsi". Ese Barril yagumye i Kigali mu gihe cya Jenocide ?

10. Kuki Paul Barril atigeze abazwa n'itsinda ryakusanyaga amakuru kuri Jenocide yakorewe Abatutsi ryari riyobowe na Paul Quilès muri 1998 ?

11. Ni iyihempamvu yatumye umufaransa witwaga François de Grossouvre yiyahura ku wa 7 Mata 1994 nyuma y'iraswa ry'indege ya Habyarimana ? Ese Paul Barril ntiyari inshuti n'uwo mufaransa wanakoraga ibikorwa byo gucuruza intwari ?

12. Ese Guverinoma y'u Bufaransa yahaye agaciro kangana iki Raporo zakozwe n'umucamanza Jean-Louis Bruguière washinjaga abayobozi bakuru b'u Rwanda kuba ari bo bahanuye indege ya Habyarimana ?

13. Ese iyo raporo ntinyuranyaga n'inyandiko z'ibanga zanditwe mu mwaka wa 1994 zanditswe n'inzego z'ubutasi za Amerika nyuma zikagaragara mu binyamakuru zivugaga ko intagondwa z'Abahutu zahanuye indege ya Habyarimana ? (Urugero n'inyandiko ya Jim Lobe, ifite umutwe ugira uti "Rwanda-US : Papers Imply Hutu Hard-Liners Downed President's Plane, yanditswe kuwa 6 Mata 2004) "Dushyize mu Kinyarwanda ' U Rwanda



Interahamwe zatozwaga n'abafaransa. (Photo / Net)

Ibibazo 28 Abafaransa bakwiye gusubiza

Ibikurikira urup. 6

na Leta zunze ubumwe za Amerika : Impapuro zishyira mu majwi intagondwa z'Abahutu guhanura indege ya Habyarimana.”

14. Ese ni ukuri u Bufaransa bwakomeje gutoza Interahamwe muri Zaire mu mwaka wa 1995 ? (Inyandiko igaragara muri Billets d'Afrique, yo muri Nyakanga 1995, yagiraga iti « ku wa 9 Gicurasi 1995 indege 3 za Milaji n'izindi mashini 4 zikora ubwikorezi mu kirere zavuye mu Bufaransa zerekeza muri Zaire gufasha mu bitero).

15. Kubera iki mu mwaka wa 1995, u Bufaransa bwasabye Perezida Kagame ko harangizwa imvururu hakabaho ihana ry'imbabazi ku mpande zombi ariko Guverinoma y'u Bufaransa igasaba ko itazashinzwa ko yateye inkunga Guverinoma yakoze Jenoside ?

16. Kubera iki hasyizweho "Opération Turquoise" yari igamije ubutabazi no guhagarika Jenoside ariko ikayoborwa n'abasirikare bakuru b'Abafaransa bari bafitanye umubano n'intagondwa z'Abahutu ? Muri abo basirikare harimo Koloneli Thauzin wari umujyanama wa Perezida Habyarimana ?

17. Kubera iki u Bufaransa butahagaritse ibiganiro bya Radio RTLM yashishikariza Abanyarwanda ubwicanyi, mu gihe nyamara bizwi ko ibiganiro by'iyi Radio byaberaga mu gace kayobowe n'ingabo z'u Bufaransa kandi kuyihagarika bikaba byari byoroshye ?

18. Kubera iki muri Gicurasi 1994, u Bufaransa, binyuze mu ijwi rya Bernard Kouchner na Guverinoma yakoraga Jenoside, basabye ko intambara yahagarara hagati ya FPR n'intagondwa z'Abahutu ? Aha bivugwa ko bwari uburyo bwo guhagarika ibikorwa bya FPR ahubwo hagakomeza



Habyarimana. (Photo / Net)

ubwicanyi bwari bwateguwe.

19. Kubera iki Minisitiri Alain Juppé ndetse na Perezida François Mitterrand (mu ijambo yavugiye i Biarritz tariki ya 8 Ugushyingo 2013) na Dominique de Villepin kugeza n'ubu bagikoreshe ijambo "Jenoside" mu bwinshi ? Ese si ugushaka gukomeza gushimangira ko habayeho Jenoside ebyiri hagati y'amoko abiri ?

20. Kubera iki ibinyamakuru byo mu Bufaransa nka Le Monde, Marianne, Le Courrier International na Africa International byakomeje gushyigikira igitekerezacyo uko habayeho Jenoside ebyiri ? (Ikinyamakuru Marianne cyo cyageze n'aho gihakana Jenoside yakorewe Abatutsi, mu nkuru yo ku wa 20 kugeza ku wa 26 Werurwe 2000 ifite umutwe ugira uti "Abatutsi bateje Jenoside kugira ngo bigire Abayobozi b'igihugu "Les Tutsi ont provoqué le génocide pour se rendre maître du pays"

21. Kubera iki ikinyamakuru Le Monde cyategereje hagashira amezi atatu Jenoside

itangiye kikabona gutangira gukoreshe ijambo Jenoside ? (Cyatangiyeye kurikoreshe ku wa 2 Nyakanga 1994)

22. Kubera iki abanyabwenge n'abanyamakuru b'Abafaransa bari bafitiye urwango Abatutsi bigaragaje mbere na nyuma ya Jenoside ? (Harimo uwitwaga Alexandre Adler, Jean-Marie Colombani na Stephen Smith). Ese ni igitangaza ko abo banyabwenge n'abanyamakuru bari bafite aho bahuriye na serivisi z'abafaransa ?

23. Ese kuba Kaminuza ya Sorbonne yararetse Marie-Roger Biloa, umuyobozi w'ikinyamakuru Africa International, agategura ibiganiro bipfobya Jenoside byahuzaga abahoze ari abayobozi ba Guverinoma yakoze Jenoside mu Rwanda, si ikimenyetso kigaragaza uruhare rw'abanyapolitiki n'intiti muri Jenoside yakorewe Abatutsi ? (Ibiganiro byateguwe na Marie-Roger Biloa wari inshuti na Perezida Habyarimana byabaye 6 Mata 2004 bifite umutwe ugira uti « U Rwanda, imyaka 10 irashize, ni iki bitwigishije, ni gute twategura ejo hazaza ?



Kanziya Agathe. (Photo / Net)

» 24. Kuki guhera mu mwa wa 1990, u Bufaransa bwakomeje gutera inkunga ya gisirikare ingabo za Habyarimana hagamije gukumira no gutsemba ingabo za FPR ? (Iby'ubufasha bw'u Bufaransa bigaragara mu gitabo « Nta mutangabuhamya ugomba kurokoka » « Aucun Témoin ne doit survivre » ipaji ya 75)

25. Kubera iki mbere gato y'itangira rya Jenoside muri Gashyantare 1993, Minisitiri w'ubutwererane w'u Bufaransa Marcel Debarge yagiriye inama Perezida Habyarimana yo gushyiraho umutwe uhuriweho n'impande zose ushinzwe kurwanya FPR-Inkotanyi ?

26. Ese ni ukuri nk'uko byemezwa n'umushakashatsi ku mateka y'u Rwanda Gérard Prunier, Perezida Habyarimana yaba yarafashije u Bufaransa mu bikorwa bitemewe byo kwinjiza intwari mu bihugu byari mu kato ko kugura intwari ?

27. Kubera iki nyuma ya Jenoside, u Bufaransa bwakoze ibishoboka byose bugatambamira irekurwa ry'imfashanyo y'amadolari ya

Amerika agera kuri Miliyoni 200 yariyatanzwe n'Umuryango w'ubumwe bw'i Burayi agenewe u Rwanda kugeza ubwo u Bufaransa bwategereje gushyira umukono ku irekurwa ryayo mu mpera z'umwaka wa 1994 na bwo ayo mafaranga agatangwa mu bice ?

28. Ese si igitangaza kubona ikinyamakuru Kangura (Cyahemberaga Jenoside) gisohora inyandiko igaragaza amategeko icumi y'Abahutu, kigashyiraho igishushanyo cya Perezida François Mitterrand mu nsi cyanditseho ngo « Inshuti nyayo y'u Rwanda uyibona mu byago ? »

Ikinyamakuru lidiotduvillage kivuga ko mu rwego rwo kugaragaza ko niba koko u Bufaransa bubeshyerwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Minisitiri w'Umutekano mu Bufaransa Alliot-Marie n'abandi bakekwaho uruhare muri Jenoside bagomba gusubiza ibyo bibazo batabogamye cyangwa se ngo bagendere ku nyandiko zanditswe n'ibitangazamakuru.

Inama kuri politike y'imiyoborere mu Rwanda yahuriranye n'isozwa ry'ukwezi kw'imiyoborere myiza

-Abayobozi mu nzego z'ibanze n'abagize sosiyete civile barasabwa kongera ubufatanye mu gukomeza kwimakaza imiyoborere myiza

Twubahe Pascal na Burasa
J.Gualbert

Ubufatanye hagati y'inzego z'ubuyobozi n'imiryango itegamiye kuri leta mu kwegera abaturage hagamijwe imiyoborere myiza n'iterambere n'umwe mu myanzuro y'ingenzi y'inama yo mu rwego rwo hejuru yateguwe na RGB mu mpera z'uku kwezi.

Iyi nama kuri politike y'imiyoborere mu Rwanda yahuriranye n'isozwa ry'ukwezi kw'imiyoborere myiza yahujwe Minisitiri y'ubutegetsi bw'igihugu MINALOC n'abayobozi batandukanye mu nzego zibanze aho buri karere kari gahagarariwe na komite nyobozi yako hamwe na Perezida w'inama nnyanama ndetse na Perezida wa komisiyo y'ubukungu mu nama nnyanama. Iyi nama yayobowe na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu yanitabiriwe n'abayobozi b'intara n'umujyi wa Kigali hamwe n'abahagarariye imiryango itandukanye igize sosiyete civile nyarwanda.

Afungura iyi nama Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu Bwana Musoni James yagarutse ku myumvire n'imikorere ikwiye kuranga abayobozi mu nzego zitandukanye hagamijwe kwimakaza imiyoborere myiza.

Minisitiri Musoni, yasabye abayobozi by'umwihariko mu turere ko bagomba kurangwa no gushyira hamwe, kuzuzanya, kujya inama n'ibindi byabafasha mu kugera ku nshingano zabo.

Nyuma y'ikiganiro ku nshingano, imikorere



Prof Shyaka Anastase CEO wa RGB mu nama ya "High Level Policy Dialogue". (Photo / Rushyashya)

n'imikorere y'inama nnyanama na komite nyobozi z'aturere, inama yakebuye impande zombi zisabwa kwirinda ibyakurura amacakubiri no guhangana mu karere. By'umwihariko abagize inama nnyanama basabwe kwita ku mategeko mu mirimo yabo ya buri muni cyane cyane mu gihe cyo gufata ibyemezo bityo ibyo bafashe bakabifata babihagazeho badakorewemo, hamaganywe umuco wagaragaye hamwe na hamwe wo gukorera inama kuri telephone. Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu Musoni James yasabye ko habaho kuvugana hagati y'abayobozi na nnyanama. Musoni James yavuze ko abayobozi bacu badakwiye

gushaka aba babyara muri batisimu bakomeye kugirango bakore neza inshingano zabo no kwitwaza ko baziranye na runaka ukomeye, bakamugira urwitwazo aho kwiyumvamo ubushobozi.

Yagize ati "Mu Rwanda nta butegetsi bushingiye ku rwitwazo rw'umuntu buhari (Father God power). Umuyobozi agomba gushingira ku bikorwa bye (performance) aho gukora yitwaza runaka w'umuyobozi mukuru baziranye"

Abajyanama kandi bongeye gusomerwa amwe mu mategeko abagenga harimo gufata ibyemezo no kumenya uko bishyirwa mu bikorwa ariko basabwa kwirinda kwivanga mu kazi ka buri muni



Minisitiri James Musoni niwe wafunguye inama ya "High Level Policy Dialogue". (Photo / Rushyashya)

ka komite nyobozi.

Ku ruhande rwa komite nyobozi, inama yabaye umwanya wo kwibutsa inshingano zabo zo kuyobora abaturage, kubateza imbere bashyira mu bikorwa imyanzuro y'inama nnyanama. Bibukijwe kwimakaza ubufatanye na komite nyobozi babaha amakuru yangombwa baba bakeneye.

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza mu nzego zibanze, Inama yo mu rwego rwo hejuru kumiyoborere yanaganiriye ku mikorere y'akagari nk'urwego kuri ubu rufatwa

nk'ishingiro rya serivise. Minisitiri Musoni arasanga bidashoboka ko imiyoborere myiza yagerwaho mu nzego z'ibanze mu gihe akagari kadakora neza kuko kugeza ubu arirwo rwego rwegereye abaturage rutangirwaho service nyuma y'uko kuri ubu umudugudu usigaye ushinze ubukangurambaga. Igitekerezo cyahuriweho na benshi ni uko abayobozi b'akagari bazamurirwa ubushobozi mu buryo bwose aho hasabwe ko umuyobozi w'akagari (Executive) yaba afite



RGB
RWANDA GOVERNANCE BOARD

Fostering Good Governance for Sustainable Development

Inama kuri politike y'imiyoborere mu Rwanda yahuriranye n'isozwa ry'ukwezi kw'imiyoborere myiza

impamyabumenyi yo mu rwego rwa Kaminuza akungirizwa n'undi wo mu rwego rw'amashuri yisumbuye.

Hagamijwe kwimakaza imiyoborere myiza iganisha ku iterambere no kwegera abaturage serivise, abitabiriywe inama batangirijwe gahunda yo kumanura ububasha k'umutungo kuva ku karere kugera ku murenge no kwimurira service z'inguzanyo zitangwa na VUP kuva ku karere, ku murenge kujya muri SACCO.

Hashojwe ukwezi kw'imiyoborere myiza

Mumasahay'umugorobay'uwo muni wa 20/04/2013 muri SERENA hotel, RGB yahuje inama ku miyoborere n'isozwa ry'ukwezi kw'imiyoborere myiza. Ambasaderi Fatuma Ndagiza, umuyobozi wungirije muri RGB niwe wamuritse ibyagezweho mu kwezi kw'imiyoborere. Uyu muyobozi yashimiye abayobozi b'inzego zibanze mu gihugu hose ku bikorwa by'indashyikirwa bakoze mu kwezi kw'imiyoborere myiza. Mu bikorwa by'ingenzi byibanzweho muri uku kwezi kwatungijwe ku mugaragaro taliki 22/01/2013 harimo ibiganiro hagati y'abayobozi n'abaturage kuri gahunda z'iterambere no kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage. Muri iki gihe cy'amezi 3 raporo ya RGB igaragaza ko ibibazo byakiriwe birenga ibihumbi 7, muri byo 87% byarasubijwe, ibindi 13% biracyakurikiranwa, harimo ibyoherejwe mu nkiko, n'ibyahawe umurongo wo kujyanwa muzindi nzego. Mu bibazo byabajijwe cyane ni ibijyanye n'amakimbarane y'ubutaka, ibibazo by'imanza zitarangijwe n'ibibazo by'urugomo.

Avuga ku bibazo byabajijwe

mu kwezi kwahariwe imiyoborere myiza, umuyobozi wa RGB Prof. Anastase Shyaka yasobanuye ko kuba ibibazo by'uyu mwaka byarabaye byinshi kugeza aho bikuba 3 iby'umwaka ushyize, atari uko abaturage bagenda bahura n'ibibazo byinshi cyane uko umwaka ushize, ati :” Ahubwo nuko abaturage bagenda bumva ukwezi kw'imiyoborere icyo aricyo n'akamaro kubafitiye ubundi bakisanzura”. Prof. Shyaka yavuze ko abayobozi mu nzego zose bagombaga kumenya gukemura ibibazo by'abaturage kuko bigaragara nk'umusingi w'iterambere, hashingiwe ku mitangire inoze ya sevisse.

Ubuyobozi bwa RGB bwemeza ko kugera ku ntego y'ukwezi kw'imiyoborere myiza, atari imbaraga z'abayobozi muri Minisiteri no mu zindi nzego za Leta zonyine. Prof Shyaka yatangirije Ikinyamakuru Rushyashya ko yemeza ko imiryango itegamiye kuri Leta cyangwa sosiyete civile igizwe n'amashyirahamwe, amadini, ibitangazamakuru, imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu n'ibindi bikwiye kwegera abaturage kurushaho bakava gukorera mumujyi bakamanuka hasi mucyaro .Ati : nubwo aba bagize imiryango itegamiye kuri Leta (NGO) bagira uruhare mu kwimakaza imiyoborere, nk'abafatanyabikorwa, hari aho batagera neza ku baturage ngo babegere bagamije kubazamura no kubabera urumuri rubaganisha ku iterambere bitewe rimwe na rimwe n'amikoro make, ari nayo mpamvu RGB, itera ingabo mubitugu iyo miryango ihemba imishinga iba yatoranyijwe, kugirango bashobore kwegera abaturage .

Twabibutsa ko RGB yabonye ko imiryango ya sosiyete sivile itagera neza kubaturage , byatumye mu gusoza ukwezi kw'imiyoborere guhuzwa n'igikorwa cyo gutera inkunga imiryango itegamiye kuri Leta n'abikorera bagaragaje imishinga ifite ireme yo guteza imbere imiyoborere myiza mu



Abayobozi b'uturere bari bitabiriywe iyo nama. (Photo / Rushyashya)

gihugu, mu gikorwa RGB yise Civil Society Empowerment Program. Muri 13 batoranyijwe harimo Contact FM, Kizito Mihigo for Peace Foundation, Rwanda Dispatch, GAERG, Interchurch Youth Foundation, Health Development Initiative(HDI),

Amazing Grace Christian Radio, Kigalitoday.com, ISANGO Star Radio, Never Again Rwanda, United Nations Association of Rwanda, Association pour le Developpement Agro-Pastoral(ADAP), Ishyirahamwe rireranga inyungu z'abasigajwe

inyuma n'amateka (COPORWA)

Iyi mishinga y'ibi bitangazamakuru, abikorera n'imiryango itegamiye kuri leta yatewe inkunga yatoranyijwe n'akanama k'inzobere zituruka mu bigo n'imiryango nyarwanda na mpuzamahanga itandukanye kandi yagaragaje uburambe mu kubaka ubushobozi bw'amashyirahamwe ariyo: NHRC(Komisiyoni y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu), NWC(Inama y'igihugu y'Abagore), (Inama y'igihugu y'Urubiruko), UNDP(Ishami ry'umuryango w'abibumbye rishinze iterambere), IPB(Ishuri rikuru rya Byumba) NCPD(Inama y'igihugu y'abantu babana n'ubumuga). Nyuma yo gusesengura imishinga y'ibigo byavuzwe haruguru n'izi nzobere, Ubuyobozi bwa RGB bwabashyikirije sheki z'amafaranga hagati ya 4.600.000 na 8.000.000 ayatanzwe yose ni 68.000.000 yahawe amaradiyo n'imiryango 13.

Ukwezi kw'imiyoborere myiza ni gahunda ngaruka mwaka itegurwa na MINALOC binyurije mu kigo cyayo cy'imiyoborere RGB hagamijwe kwimakaza imiyoborere myiza aboyobozi begera abayoborwa mu gihugu hose no mu nzego zose.



Imwe mu miryango itegamiye kuri leta yabonyeibihembo. (Photo / Rushyashya)



RGB
RWANDA GOVERNANCE BOARD

Fostering Good Governance for Sustainable Development

Burukina faso yanyuzwe n'amasomo ku miyoborere yakuye muri RGB

Twubahe Pascal na Burasa J.Gualbert

Kuwa kane taliki 25 Mata 2013, M. Bongnessan Arsene YE Minisitiri muri minisitiri y'ububanyi n'amahanga ya Burkina faso ni umuyobozi mukuru uje mu Rwanda mu rwego rwo kwigira kuri politiki y'imiyoborere myiza y'u Rwanda.

Prof Shyaka Anastase, Umuyobozi w'ikigo cy'igihugu cy'imiyoborere RGB yasobanuriye abashyitsi kuva muri Burukina faso uko politiki y'kwegereza abaturatione mu Rwanda yateguwe nuko yashyizwe mu bikorwa kuva mu 2000 aho serivisi zikenerwa cyane zakurwaga ku rwego rw'igihugu zikajyanwa mu nzego zibanze, kuva mu mwaka w'2006 aho akarere kagizwe ishingiro ry'iterambere ry'igihugu na service hafi yazose zigashyirwa mu karere umurenge n'akagari, gukomeza aho akagari kazaba ishingiro rya service

Asobanura ku kamaro ko kwegereza abaturatione ubuyobozi, Umuyobozi wa RGB yagize ati "imiyoborere myiza yihutisha iterambere kuko abaturatione bagira uruhare 100% mu kwihitiramo uko bayoborwa kandi bakagira uruhare mu gufata ibyemezo" akomeza avuga ko imiyoborere myiza ariyo yatumye u Rwanda ruva ahantu abantu batatekerezaga ko rwakwikura nyuma ya Jenoside ubu rukaba ruri aho amahanga arwigiraho mu nzego zose. Ati "ibi tubikesha kwegera umuturage, umuturage akagira ijamba muri gahunda zimuteza imbere".

Akivuga kuguha umuturage ijamba, Prof Anastase Shyaka yabajijwe na M. Bongnessan Arsene YE ibanga ry'u Rwanda mu matora aho usanga hafi ijana ku ijana bitabira amatora mu gihe mu bindi



Bwana M. Bongnessan Arsene YE mu biganiro na Prof. Shyaka Anastase CEO wa RGB. (Photo/ Rushyashya)

bihugu by'afurika bigorana no kubona ubwitabire bwa 50% mu matora. Aha umuyobozi RGB yasubije ko abaturatione b'u Rwanda batojwe kwishakira ibisubizo no guharanira kwigira, bityo bumva ko


ubuyobozi bishyiriyeho aribwo bubateza imbere ati "byabayemo umuco, abanyarwanda bose bazi ko ari inshingano zabo kwitabira amatora"

Aganira n'abanyamakuru nyuma yo gusura u Rwanda

Bwana M. Bongnessan Arsene YE yatangaje ko ibyo akuye mu Rwanda ari byinshi cyane, nko kurwanya ruswa, kubaka inzego z'umutekano, uburezi kuri bose n'ibindi. M. Bongnessan

Arsene YE n'abari bamuherekeje badutangariye ko by'umwihariko bari baje kwigira ku Rwanda ku bijyanye na Politike yo kwegereza abaturatione ubuyobozi (Decentralisation). Mu masomo yahakuye, uyu muyobozi muri wa minisitiri y'ububanyi n'amahanga wa Burukina faso yasobanuriye birambuye ibyiciro byo kwegereza abaturatione ubuyobozi mu Rwanda hakurwa ingufu z'amafaranga na serivisi ku nzego zo hejuru bikajyanwa mu nzego ziruseho kwegera abaturatione.

Minisitiri muri minisitiri y'ububanyi n'amahanga wa Burukina faso M. Bongnessan Arsene YE asuye u Rwanda nyuma ya Perezida w'iki gihugu Blaise Kompaolé wahavuye umwaka washize ndetse na Minisitiri w'intebe Beyon Luc-Adolphe Tiao wari mu nama y'umushyikirano mu Ukuboza 2012.



Perezida Museveni ngo turacyasabiriza amahanga kuko nta bumwe dufite

Asoza inama rusange y' Inteko nshingamategeko ya Afurika y'Uburasirazuba (EALA) imaze iminsi ibera mu Rwanda, kuri uyu wa 24 Mata Perezida wa Uganda Yoweri Kaguta Museveni yavuze ko Abanyafurika bagitegereza impano z'amahanga kuko ubwabo nta bumwe bushyitse bafite.

Prezida Yoweri Kaguta Museveni akaba n'umuyobozi uhagarariye akanama k'ibihugu bya Afurika y'uburasirazuba (EAC), mu ijambo rye yagize ati "Abanyafurika dufite ubutaka bwiza buruta ubw'ibihugu by'iburayi n'Amerika byiteranyije, ariko ntubasha kwirwanaho turacyasabiriza ibituruka hanze kuberako nta bumwe bushyitse turageraho, kubera ivangura abakoroni batubibyemo."

Perezida Museveni yasabye abayobozi ku nzego zose b'ibihugu bigize Umuryango w'ibihugu by'akarere ka Afurika y'uburasirazuba gucengeza mu

baturage umuco wo gushyira hamwe, bagakorera hamwe bagahuzza imbaraga ko ari kimwe mu bizabafasha kwikemurira ibibazo byabo ubwabo badategereje ubabeshaho.

Museveni uyoboye uyu muryango wa East African Community yavuze ko ubu bihugu bigize uyu muryango bifite gahunda ndende yo kunga ubumwe bukomeye hagamijwe kwikemurira ibibazo no gutera imbere.

Ati "Turashaka uko twahurira ku isoko rimwe, ifaranga rimwe, tukubaka imihanda ikomeye ihuza ibihugu, tukihutisha ibicuruzwa, tukongera ingufu z'amashanyarazi hamwe. Ibihugu nk'Uburusiya bidushyigikiye muri uyu mugambi wacu."

Kuva kuwa 15 Mata Inteko nshingamategeko ya Afurika y'uburasirazuba (EALA) yari iteraniye mu Rwanda, iyobowe na Dr Margaret Nantongo Zziwa.

Iyi nteko yigaga ku buryo hashyirwaho isoko rimwe rihuriweho n'ibihugu byose



Perezida Yoweri Museveni. (Photo/ Net)

bigize iyo nteko, bikazafasha ibyo bihugu mu iterambere ryihuse ntahagize inyuma.

Umugandekazi Dr Margaret Nantongo Zziwa, niwe mukuru wa EALA, yatangaje ko muri izi nama bamazemo iminsi

bumvikanye ko iterambere rishingiye ku bucuruzi, avuga ko batishyize hamwe nk'ibihugu byo muri Afurika y'uburasirazuba izo ntego zitagerwaho.

Mu nama bagiye bagira aba

badepite b'ibihugu bigize EAC batoye itegeko ry'uko ibintu bizajya bijyanwa hanze buri bunyuzwe ku mipaka irenze umwe, ko bizajya bisuzumirwa ku mupaka umwe gusa, naho indi mipaka bikayicaho byerekana icyemezo kimwe ko byamaze gusuzumwa. Ibi ngo bikazafasha mu kwihutisha ibicuruzwa ndetse n'ubucuruzi mu karere.

Ambasaderi Dr Richard Sezibera Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'ibihugu by'afurika y'uburasirazuba (EAC) yabwiye Umuseke.com ko imyanzuro yafatiwemo mu nama yasojwe igiye gutangira gushyirwa mu bikorwa mu bihugu byose kugira ngo hihutishwe iterambere ibihugu bya Afurika y'uburasirazuba.

Dr Sezibera avuga ko bafite impungenge ko uku guhuzza imipakakuzongera abanyabyaha, yavuze ko n'inzego z'umutekano zizongera imikoraniye kugira ngo n'ibyo byaha bikumirwe n'ababikoze bafatwe bahanwe.

Byimana : Inkongi y'umuriro yibasiye aho abanyeshuri bararaga

Ishuri ry'ubumenyi ryo mu Byimana (Ecole des Sciences de Byimana), mu gitondo cyo kuri uyu wa kabiri taliki ya 23 Mata 2013, inzu abanyeshuri bararamo yibasiye n'inkongi y'umuriro, ibikoreho by'abana byari biyirimo birashya birakongoka.

Iyi nkongi y'umuriro yibasiye inzu abanyeshuri bararagamo ikinze, bo bari bagiye mu ishuri. Abayobozi n'abanyeshuri batangarije IGIHE ko ibi byose byatewe n'umuriro w'amashanyarazi, kuko mbere y'aho habayeho "court-circuit". Iyi mpamvu ariko, Frère Gahima Alphonse, Umuyobozi w'ishuri, avuga ko batahamya neza ko ari yo nyakuri yateye inkongi, ngo hategerejwe ibizava mu iperereza.

Iyi nyubako ihaye nyuma

y'umunsi umwe abanyeshuri bavuye mu biruhuko, none bongeye basubizwa iwabo mu gihe cy'icyumweru kimwe, mu gihe hagishakishwa uburyo iyo nzu yasanwa nk'uko bitangazwa n'ubuyobozi bw'ikigo.

Ikitaramenyekana ni agaciro k'ibyangirikiye muri icyo cyumba cyahiyeye, hahiriyemo ibikoreho bitandukanye birimo ibikapu by'abanyeshuri, imyenda, matela n'ibindi.

Polisi ikora mu kuzimya umuriro yahageze itabaye ariko isanga hangiritse byinshi.

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango wungirije ushinze imibereho myiza y'abaturage, Mugeni Jolie Germaine, yavuze ko hagiye gukorwa ibishoboka byose kugira ngo abana batazatakaza igihe. Avuga ko hagiye gusanwa byihuse iyo nzu yahiyeye,



ariko asaba n'ababyeyi ko byago, ku bushobozi bwabo bakwifatanya n'ikigo mu bagashakira abana ibikoreho

by'ibanze byahiriye muri iyo nzu. Igihe.com

Ishyaka rishya rya politiki mu Rwanda« Partie Sociale Visionnaire-Imbarutso y’ukuri »

Mu gihe hasigaye amezi atarenga 4 ngo u Rwanda rwinjire mu matora y’abadepte, bamwe mu banyapolitike bamaze kureka amashyaka yabo babona ko atabafasha kugera ku ntego zabo.

Minisiteri y’Ubutegatsi bw’Igihugu (MINALOC) imaze gutangaza ko hari abaturage benshi bamaze kuyimenyeshako bifuzagushinga imitwe ya Politike nubwo Umuyobozi ushinze kumenyekanisha amakuruyanzegutangaza umubare w’abari mu nzira zo gushinga imitwe ya politike.

Ladislas Ngendahimana yagize ati “Hari abantu benshi bamaze kutumenyeshako bashakagushinga imitwe ya politike... gusa si twabwibireba cyane kuko MINALOC yakira ubusabe ku rwego rwa nyuma, inama zamaze gukorwa ba noteri bamaze gukora akazi kabo.”

Inzozo zabo ni ukubona imyanya mu Nteko Ishinga Amategeko uyu mwaka

Umwe mu banyapolitike bifuzagushinga ishyaka; ni uwitwa Hakizimfura Noel wahoze mu ishyaka PS-Imberakuri ndetse uri mu barishinze.

Nyuma yo kugongana n’ubuyobozi bwa PS-imberakuri, Hakizimfura Noel yahisemo gushinga umutwe wa politike

amaze kwita “Partie Sociale Visionnaire-Imbarutso y’ukuri.”

Hakizimfura ngo ashyize imbere ukuri muri program politike ye nk’uko yabitangarije Izuba Rirashe dukeshayiyi nkuru. “Kubera ko numva ko ukuri ariko kuyobora ibintu byose kandi akaba ariko gushobora gufasha igihugu n’abagituye.”

Nubwo ashakagushinga ishyaka, Hakizimfura avugako ritaje kurwanya ishyaka riri ku butegatsi cyangwa andi, ahubwo rije kuzuzanya n’andi mashyaka ari mu Rwanda.

Ati “Nta guhangana ahubwo tuzafatanyagushakacyateze imbere igihugu. Ndumva ritagomba kuba muri Opposition ahubwo nzafatanyan’ayandi ari mu gihugu, kuba umuyoboze mu yandi nasanze bidashoboka, ariko mfite inararibonye kuko ndi mu bashyizeho PS-imberakuri.”

Ishyaka niriramura ryemewe ngo ashobora kwitabira amatora y’abadepte azaba muri Nzeri ngo kuko “Ishyaka ribeshwaho no kujya mu butegatsi.”

Mu ishyaka rya Gisosiyalite PSR haravugwamwe (utarashakakumenyekanamu barwanashyaka uri mu nzira yo gushinga umutwe wa Politike,



Hakizimfura Noel ari mu bashinze PS-Imberakuri ubu yashinze irye. (Photo /Net)

icyakora Umuyobozi wa PSR Hon. Rucibigango Jean Baptiste avugako byose biterwa no gushakaimyanya kandi ko abantu bose ntibaba abakozi ba Leta. “Ikibazo cy’imyanya ni rusange, abantu bagonganira muri Leta, ariko twese ntabwo

twaba abaminisitiri cyangwa abadepte.” Hon. Rucibigango yongeyeho ati “Ntibyantangaza hari umurwana shyaka utuvuyemo kuko abantu bazi ko gushinga ishyaka ariko kubona imyanya muri Leta.”

Biteganijwe ko ibijyanye n’imitwe ya politiken’abanyapolitike bifuzaguhatana mu matora y’abadepte yo muri Nzeri, bizajya ahagaragara cyane mu mpera za Gicurasi.

Impamvu indaya zitwara abagabo b'abandi



Umuntu ashobora kwibaza ibanga indaya zifite mu kureshya abagabo zikageza n'aho zibatwara burundu bagata ingo zabo. Mu buzima busanzwe, uburaya ni umwuga ndetse abawukora bemeza ko ari umwuga ufite ingaruka mbi nko gupfa, kwanduriramo uburwayi butandukanye nka VIH/SIDA, imitezi n'izindi.

Mu bihugu byitwa ko byateye imbere ho usanga indaya zifite amashyirahamwe akomeye yinjiza amafaranga akanatanga n'imisoro. Ubushakashatsi bwakozwe n'inzobere z'Abanyamerika bwerekanye ko 50% by'aba gabo na 26% by'abagore bacanya inyuma abo bashakanye nibura incuro imwe mu gihe cy'ubuzima bwabo kuri iyi si.

Uburaya rero bufite amateka maremare, na mbere y'ivuka rya Yesu uyu mwuga wabagaho. Bibiliya itubwira iby'indaya yitwaga Rahabu yacumbikiye abatasi b'Abaheburayo ubwo

bajyaga gutata i Yeriko "Nuko baragenda binjira mu nzu ya maraya witwaga Rahabu bararamo." Yosuwu 2:1. Uyu mwuga rero waje gukomeza kugeza uyu muni aho usanga abawujyamo biyongera cyane.

Indaya zitandukaniye he n'abandi bagore?

Ubundi ikibazo si uburaya ahubwo ikibazo nabasanga izo ndaya. Abata ingo zabo bakajya kumarirayo amafaranga baba babuze iki? Mu bushakashatsi nakoze nasanze indaya nta kintu gishya zifite uretse gusa uburyo zifata mu gihe zigiye kwakira umukiriya wazo.

Umuntu rero ashobora kwibaza impamvu abagabo n'abasore bajyayo kugeza ubwo abasore bamwe bahitamwo kureka kurushinga ahubwo bakajya bagura ku kiro (nk'uko bamwe babivugaga). Uko byagenda kose kwa Maraya nta kiza gihari. Nta muntu wagiyeyo ngo yunguke ahubwo ni igihombo gusa.

Wa munyabwenge w'ikirangirire akaba n'umutunzi uruta bese ababayeho n'abazabaho ari we Salomo hari icyo yavuze ku ndaya muri aya magambo "kuko iminwa y'umugore w'inzaduka itonyanga ubuki, kandi akanwa ke karusha amavuta koroha ariko hanyuma asharira nk'umuravumba, agira ubugi nk'ubw'inkota ityaye. Ibirengye bye bimanuka bijya ku rupfu, intabwe ze zihereza ikuzimu." Imigani 5:3-5.

Mu mpamvu abagabo bamwe bata ingo zabo bakajya kwa maraya harimo izi zikurikira:

1. Guhora ku nkeke y'umugore umubwira ibibazo gusa

Uretse n'umugabo, nta muntu muzima ugomba guhora atura ibibazo uwo bashakanye kubera ko baba barabaye umwe kuva bakirushinga. Ariko usanga abagore bamwe bavugaga ibibazo bahuye nabyo batari banabazabaga abagabo babo amakuru yo

kwirirwa.

Banza ureke umugabo atuze umuyambire, umubaze uko yiriwe niba yahuye n'ibibazo byo muri ubu buzima, uze kumuganiriza mugeze mu cyumba cyanyu ahiherereye mbere yo gusinzira. Bityo umugabo azakumva kandi muzashakira hamwe ibisubizo birambye. Ugomba kumenya uko umugabo wawe yiriwe ku kazi ushobora gukoresha terefoni ukamuhamagara ukamubaza uko ameze cyangwa ukamwoherereza ubutumwa bugufi burimo amagambo meza amushimisha.

Naho rero niba muhura nijoro cyangwa ku manywa akanya gato agomba guhita asubira ku kazi ntubwiteho azagucika kuko hanze aha abamukeneye ni benshi. Nta mpamvu yo guhora umuturira ibibazo gusa kuko na we ni umuntu nka we.

2. Kugira agasuzuguro Urukundo bavugaga ko rwirengagiza amafuti menshi ariko ntirushobora kwihanganira

agasuzuguro gatewe n'umwe mu bashakanye. Indaya ikintu zikorera abakiriya ni ukubereka ko zibitayeho rwose, zibasekera, zibateze amatwi ariko ikiba kigenderewe ni ukubona amaramuko. Nyamara umugore utazi ibyo arimo ashobora guha agaciro gake ibyo umugabo avugaga maze bikamuviramo kumutakaza.

Hari abagabo benshi bahisemo kwikorera imirimo yose mu rugo kuko abagore babo badakoreka. Gukora iyo mirimo si ikibazo ariko abantu baberaho kuzuzanya. Umugabo rero niko yaremwe yanga agasuzuguro kandi umuntu wese akwiye kukanga.

3. Kugira umwanda

Umwanda nshaka kuvuga aha ni isuku nkeya ku mubiri, mu rugo n'ahandi. Kuba umuntu asa neza ntibisobanuye ko ari umunyesuku. Nubwo umuntu yaba umukene gute ariko akagira isuku agaragara nk'umukire. Mu by'ukuri indaya zizi neza ko abagabo bakunda isuku kandi isuku ni isoko y'ubuzima.

Hari idini imwe itoza abayoboke bayo kwambara imyenda y'imbere imeshe buri gihe, ni ukuvuga nta kwambara kabiri. Ibi rero ni byiza cyane, ni umuco mwiza abantu bagomba kumenyera. Ni ubwo umugabo yakihanganira gute ntabwo yakihanganira umwanda. Indaya zizi gusasa neza zikanatera imibavu ihumura neza, zikanateka neza n'ibindi ubwo rero umugabo iyo agezeyo kuvayo ntibyorohe.

Salomo yabivuze neza ubwo yandikaga imigani mu gice cya 7:16-18 aho umusore utagira ubwenge yajyaga kwa Maraya maze Maraya akabwira uwo musore ati "Uburiri bwange nabushashaho ibidarafu byoroshye, bidozweho amabara y'ubudodo bwo muri Egiputa (Misiri), uburiri bwanyje nabuminjagiyeho ibihumura neza, ishanga n'umusagavu na mudarasini (ubwoko bw'imibavu), ngwino dusohoze urukundo rwacu tugeze mu gitondo, twinezeze mu by'urukundo".

Impamvu imwe idasabonutse ishobora gutuma urugo rusenyukira kwa Maraya ariko iyo umugabo n'umugore bicaye bakaganira ku bintu bitagenda neza ibisubizo biraboneka. Umuti si uguhungu ibibazo ahubwo ni ugushaka ibisubizo biciye mu kwihanganirana no gusenga Imana. Nusenga ntukabwire Imana ibibazo byawe ahubwo ujye ubwira ibibazo uti "Mfite Imana".

Itangazamakuru n'intwaro yubaka kandi isenya (2)

Mu nomero y'ubushize twabagejejeho igice cya mbere cy'inyandiko ya senateri Bizimana Jean Damascene igaragaza akarengane abanyarwanda ba komeje guhura nako kandi itangazamakuru ribigizemo uruhare. Yavuze ku bugome bwuwahoze ayoboye Imvaho n'ibindi. (KOMEZA)

LA RELEVE

Ikinyamakuru LA RELEVE cyandikwaga mu gifaransa nacyo cyagize uruhare rumwe n'urw'IMVAHO. Inyandiko hafi ya zose zatangaga ibitekerezo byatanze mu Mvaho zibishyira mu rurimi rw'igifransa. LA RELEVE yatangiye guhera muri 1990 isobanura ko abatutsi bari bafunzwe bazira ubusa bitwa ibyitso ngo baziraga ukuri. La Releve No 143-144 yasohotse ku wa 19-25 Ukwakira 1990 yanditse ngo « S'agissant du grand nombre d'intellectuels tutsi figurant parmi les détenus, ils sont tous complices car pour préparer une attaque de cette envergure, il fallait qu'il y ait des gens de confiance. Les rwandais de la meme ethnie offrent mieux cette possibilite ».

Traduction/Translation: « Ku kibazo cy'umubare mwinsi w'abanyabwenge b'abatutsi bari mu bafunzwe, abo bose ni ibyitso kuko kugira ngo habe harashoboye gutegurwa igitero igitero gikomere nka kiriya, byasabaga ko mu Rwanda bahagira abantu bizewe. Nta bandi bashoboraga gukorana nabo uretse abo basangiye ubwoko. » Ibindi muzabibaze abanyamakuru Gorette UWIBAMBE na Veneranda HATEGEKIMANA barabizi IMVAHO na La Releve imyaka itari mike.

GUKOresha RADIO RWANDA MU KWICA ABATUTSI

Gukoresha Radio Rwanda mu bwicanyi byatangiyeye nyuma y'iyirukanwa rya Christophe MFIZI ku itariki 10/12/1990, asimburwa Ferdinand NAHIMANA ukomoka muri komine Gatonde mu Ruhengeri. MFIZI yanengwaga kuba adashyigikiye gukoresha ORINFOR mu buryo bwo kubiba urwango ku batutsi, ku buryo amaze kuvaho KANGURA yabyishimiye cyane, ikandika inyandiko ivuga ngo NONEHO RADIO RWANDA IGIYE KUBA IJWI RYA RUBANDA, ngo INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO NIBASHAKA BABABARE.

Muri 1992, nibwo Radio Rwanda yateye intera ikomeye mu bwicanyi. Uwo mwaka urakomeye cyane mu mateka ya jenocide. Uwo mwaka mu kwezi kwa 3 niwo CDR yashinzwemo. Muri uwo mwaka, Perezida HABYARIMANA yavugiyeye mu Ruhengeri ko atemera imishyikirano ya Arusha, ko ngo ari CHIFFON DE PAPIER (ibishwagi by'ibipapuro), yongeraho ko igihe nikigera azakora ku nterahamwe ze maze bakamanuka koko. Hari ku itariki 15/11/1992. Nyuma y'icyumweru, tariki 22/11/1992 nibwo Leon MUGESERA yavuze rya jambo rye ryo ku Kabaya ko Abatutsi bagomba kubacisha iy'ubusamo bagasubira iwabo muri Etiyopiya.

Muri 1992 kandi nibwo intwaro zatangiye guhabwa abaturage mucyo bise AUTODEFENSE CIVILE. 1992 kandi watangiranye no kwica Abatutsi

mu Bugesera mu kwezi kwa Werurwe bikozwe n'Interahamwe n'ingabo z'u Rwanda zaturutse mu barindaga Perezida HABYARIMANA no mu kigo cya gisilikare cya Gako. Uruhare rwa Radio Rwanda muri ayo mahano yose rwabayeho runini cyane.

Abari ku isonga y'ubutegetsi bw'u Rwanda bari bibumbiye mu cyo bitaga AKAZU bahimbye inyandiko bayitirira icyo bise GROUPE DE DEFENSE DES DROITS DE L'HOMME iri i Nairobi. Ku itariki 3/3/1992 NAHIMANA yayizanye kuri Radio Rwanda, Augustin HATARI, ayiha umunyamakuru Jean Baptiste BAMWANGA yari yarigishije muri kaminuza mu Ruhengeri, akaba yari anamuziho kwanga Abatutsi, amushinga kuyisoma mu makuru y'ikinyarwanda. BAMWANGA yarabikoze avuga ko icyo nyandiko yanditswe n'ubuyobozi bwa FPR ikaba ikubiyemo amazina y'abantu bakomeye mu butegetsi bwa HABYARIMANA, ngo FPR yateganyaga kwica ifatanyije n'ibyitso byayo imbere mu gihugu. Ayo mazina yarasomye mu makuru ya Radio Rwanda.

BAMWANGA yavuze ko icyo nyandiko yatoraguye i Nyamata ku mucuruzi waho w'Umututsi witwaga Francois GAHIMA wari ukuriye ishyamba rya PL mu Bugesera. Iyo disikuru ya BAMWANGA yanyujijweho umunsi wose kuri Radio Rwanda kandi yari yayivuze mu makuru ya mu gitondo (6h). Iyo disikuru yanyujijwe kuri Radio Rwanda yabaye intandaro yo gutuma ku muni ukurikiyeho, tariki 4/3/1992, Burugumesitiri wa Kanzenze, Fidele RWAMBUKA, wari umurwanashyamba wa MRND, wangaga GAHIMA urunuka, afatanyije n'abasilikare bavuye i Gako na Kigali, ndetse n'Interahamwe nyinshi, birara mu Batutsi bo mu Bugesera bicamo abantu bagera kuri 2000.

RADIO RWANDA MURI JENOSIDE GUHERA MURI MATA 1994

Muri 1994, Radio Rwanda yagize uruhare rukomeye mu gushyira mu bikorwa umugambi wo kumara Abatutsi n'abanyapolitiki b'abahutu batavugaga rumwe na leta. Ibiganiro bya rutwitsi byemezwe na diregiteri wa ORINFOR JMV HIGIRO, ubu ngubu uri muri Amerika aho yashinze ishyamba rirwanya u Rwanda ryitwaga RUD URUNUNA rifatanyaga na FDLR. Ndatanga ingero nkeya muri nyinshi zishoboka zerekana ububi bwayo.

Gukwiza propaganda y'ibinyoma Hashize iminsi 2 indege ya HABYARIMANA ihanutse, Radio Rwanda yatangiye gushishikariza gukora jenocide, ikoresha amayeri yo gukwiza ikinyoma kibeshyera FPR ngo kuba yishe abanyamuryango bayo b'abahutu ihereye kuri Perezida wayo

SPECIAL

BATUTSI
BWOKO BW'IMANA



NIJIZE NTWARO TUZAKOresha
KUGIRA NGO DUTSINDE INYENZI
BURUNDU ??



Koloneli KANYARENGWE. Ibyo byari bigamije ibintu bibiri. icya mbere kwari ukugerageza kumvisha abanyapolitiki b'abahutu bo mu mashyamba ataravugaga rumwe na HUTU POWER ko batagombye kwizera FPR, ko nabo izabica niramuka igeze ku butegetsi. icya kabiri icyo kinyoma cyari kimaze ni ukugirango birakaze abandi bahutu mu Rwanda, bumve ko FPR nta muhutu ishobora kwemera, maze nabo bashishikarira kwica abatutsi. Ibyo byavuzwe na JB BAMWANGA kuri Radio Rwanda ndetse akomeza muri uwo murongo mu biganiro byakurikiyeho.

Ibiganiro bya Jean Baptiste BAMWANGA muri Mata 1994

Ku itariki 21 Mata 1994, Radio Rwanda yanyujijeho ikiganiro kirekire kiyobowe na Jean Baptiste BAMWANGA cyari gihujwe abanyapolitiki bo mu mashyamba yari ari muri Guverinoma y'abatabazi. Ku ruhande rwa MRND, hari Edouard KAREMERA; PSD ihagarariye na NSENGIYUMVA RAFIKI Hyacinthe; PL ihagarariye na Stanislas MBONAMPEKA. Cyari kitabiriwe kandi

na MBOMYUMUTWA SHINGIRO nk'inararibonye muri politike, akaba n'umuhungu w'umwe mu banyapolitiki wabaye Perezida wa mbere w'igihugu, Dominique MBONYUMUTWA. SHINGIRO yanabaye Minisitiri w'imigambi ya Leta muri Guverinoma ya HABYARIMANA.

Muri icyo kiganiro, umunyamakuru yatangiye abaza abatutirwa be icyo bavugaga ku bitangazwa na radio MUHABURA ivuga ko FPR itica abasivile, ko ihanganye gusa n'ingabo za Leta n'Interahamwe. KAREMERA yatangiye avugaga ko ibyo atari byo atanga ingero ko FPR yishe abasivile barimo abanyapolitiki nka Emmanuel GAPIYISI, Felicien GATABAZI na BUCYANA Martin; ngo ikaba yaranagerageje kwica MUGENZI Justin na MBONAMPEKA.

Iki gikorwa cyo kwitirira FPR kuba yarishe aba bantu cyagarutse nyuma ya jenocide, n'abacamanza BRUGUIERE na MERELLES bakigarukaho. Birerekana ko abateguye jenocide banateguraga uburyo bazakoresha bayihakana, burimo kwitira FPR kwica abantu bizwi ko bishwe

n'ubutegetsi bwa HABYARIMANA. Muri icyo kiganiro, MBONAMPEKA na RAFIKI batsindagiye ko umwanzi w'abanyarwanda ari FPR, ni ukuvuga umututsi, ko nta Nterahamwe ziriho, ngo ababivugaga batyo ni abashaka guteranya abahutu.

BAMWANGA yashoje icyo kiganiro avugaga ngo: "Nagira ngo mbamenyeshe ko UMUTUTSI aramutse ageze ku butegetsi, atazigera aburekurira na rimwe Umuhutu. Ko ahubwo azaburaga undi Mututsi." Ati: "...kandi murabizi ko KAYIBANDA yavuye ku butegetsi ntabusigire umwana we, na HABYARIMANA ubu umaze gupfa ntiyasimbuwe n'umwana we". Ati rero, "mu mitegekere y'abahutu ubwabyo harimo Demokarasi, ariko niba Abatutsi bagarutse ku butegetsi, Demokarasi tuzaba tuyisezeyeho".

Impamvu nashwe urugero kuri icyo kiganiro mu kwerekana uruhare rwa Radio RWANDA muri Jenocide nuko cyari cyateguriye kwunganira Guverinoma y'abatabazi yari yahagarutse yagiye gushishikariza Abahutu bo mu majyepfo kwica Abatutsi.

Itangazamakuru n'intwaro yubaka kandi isenya (2)

SINDIKUBWABO na KAMBANDA bari I Butare na Gikongoro. Kuri uwo muni w'icyo kiganiro nibwo Abatutsi benshi barimbuwe mu mpande zitandukanye z'u Rwanda, cyane cyane mu majyepfo, harimo abagera ku bihumbi 50 I Murambi ku Gikongoro n'abarenga ibihumbi 35 kuri paruwasi ya Cyanika hirya gato y'I Murambi, I Kaduha n'ahandi.

Ku mugoroba wo kuri iyo tariki 21/4/1994, Minisitiri w'Intebe Jean KAMBANDA yavuguye ijamba kuri Radio Rwanda yishimira uburyo abaturatione bakomeje kurwanya n'umwanzi, asaba abantu bose, cyane cyane ba Burugumeshyiriki ko bagomba gushyiramo imbaraga. Ati Ntituzigera duhunga na rimwem tutashikama turwane intambara dutsinde umwanzi duheraye k'utwihishemo. Mu gihe cya jenocide, BAMWANGA yatanze ibiganiro hafi buri muni ashishikariza icyicwa ry'Abatutsi.

Twavugaga nk'icyo yagiranye na KARAMIRA Froduald ku itariki 12 Mata 1994 bashishikariza abarwanashyika bose ba MDR ndetse n'abaturatione bose gufatanyaga n'ingabo z'u Rwanda, bavugaga ko intambara atari iy'agace kamwe gusa ahubwo igomba gukwirira mu gihugu hose, bishaka kuvuga ko jenocide igomba gukorwa hose mu gihugu ntahashyiraye. BAMWANGA yongeye gutumira KARAMIRA ku itariki 17 Mata 1994 noneho KARAMIRA avugaga ko abaturatione bagomba gukorwa isaka ahantu hose bagashyiramo umwanzi ukubihishemo, ngo kandi bagafata n'intwaro akoreshe. BAMWANGA yamwunganye avugaga ko n'impunzi z'abatutsi ziri muri za Kiliziya ngo zifite intwaro, ko kandi harimo abarwanyika b'ubucuruzi muri Guverinoma, ko abaturatione bagomba kuba aribo baheraho.

Ibiganiro bya Radio Rwanda byayobowe na BAMWANGA hagati ya 15 na 21 Mata 1994 byagize uruhare runini mu gushishikariza kwica abatutsi mu turere byari bitarakwiramo cyane cyane muri Perefegitura ya Butare na Gikongoro. Muri icyo minsi, Perezida SINDIKUBWABO Theodore na Minisitiri w'Intebe Jean KAMBANDA bakoreye ingendo I Butare no ku Gikongoro, basaba abaturatione kwikwiza umwanzi. Radio Rwanda yunganye cyane iza ngendo, ihitishamo disikuru z'ubwicanyi zavugwaga n'abo bategetsi, nk'iyavuguye I Nyakizu ku wa 18 Mata 1994 na Perezida SINDIKUBWABO agira ati: "Baturatione ba Nyakizu, ni ubwa mbere mubona uruzinduko rw'umukuru w'igihugu cy'u Rwanda. Naje kubashyigikira no kubashimira ibikorwa byanyu muri ibi bihe bikomeye. Nintaha ndabohereza abantu bo kubafasha gukomeza aka kazi murimo kandi ndaza kureba nuko nabagenera igihembo. Mukore nko muri 1959".

Iyo disikuru yanyuze kuri Radio Rwanda, bituma abaturatione ba Nyakizu barimbura abatutsi bari bakihishe kuri paruwasi gatorika ya Cyahinda. Icyo gihe nibwo abatutsi benshi bishwe mu mpande zitandukanye za Butare Nk'I Kansi, Simbi, Mugombwa, Higi, Kibirizi, mu mujyi wa Butare, n'ahandi.

Jean Baptiste BWAMWANGA siwe

munyamakuru wenyine wa ORINFOR wagize uruhare mu gukwiza urwango no gushishikariza Jenocide. Nubwo ari umwe mu bari ku isonga ryabyo ariko habayeho n'abandi nka Froduald NTAWULIKURA, Hyacinthe BICAMUMPAKA, Alphonse MUNYAZOGEYE, Florent KAMPAYANA, Agenesta MUKARUTAMU, Alexis NSHIMIYIMANA wayoboraga ikiganiro EJO NZAMERA NTE?, Jean-Francois NSENGIYUMVA, Jean Baptiste NUBAHUMPATSE, Evariste MURASANDONYI, etc. Bamwe muri aba banyamakuru bari mu Rwanda. Bagombye gufasha gutanga amakuru no kwigisha ububi bw'ibyakorewe abatutsi, kandi bagizemo uruhare. Bakwiye no kubisabira imbabazi. Ubumwe n'ubwiyunge niho butangirira.

Etienne KAREKEZI muri Gicurasi 1994 Abanyarwanda benshi bazi Etienne KAREKEZI kuri VOA. Wenda icyo batazi nuko mbere no muri jenocide yakoraga kuri Radio RWANDA mu ishamba ry'icyongereza. Ku itariki 15/5/1994, jenocide iriho ica ibintu, KAREKEZI yatanze ikiganiro afatanyije n'undi munyamakuru wa Radio Rwanda, Dismas NKEZABERA, kucyo bise IMIBANIRE Y'AMOKO MU RWANDA. Umutumirwa yari Francois NZABAHIMANA wayoboraga Banki z'abaturatione. Yigeze kuba Minisitiri w'ubucuruzi muri Guverinoma ya HABYARIMANA.

Nyuma ya Nyakanga 1994, NZABAHIMANA yahungiyeho mu Bubiligi aza kugaruka mu nkambi za Goma, Bukavu na Tanzania muri Ukwakira 1994 azanye n'abaseneri n'abadepite b'ababiligi, hamwe n'umupadiri witwa Serge DESOUTER, bashinga ishyamba rya RDR ryari rifite umugambi wo kugaruka gukora jenocide mu Rwanda. RDR niyo ubu yabyaye FDU-INKINGI. NZABAHIMANA yaribereye umuyobozi yungirijwe na ba visi Perezida 2: Aloys Ngendahimana na Claver Kanyarushoki. Umunyamabanga nshingwabikorwa yari Innocent Butare, umubitsi Denis Ntirugirimbabazi, Charles Ndereyehe komiseri ushinze ibya politiki, Chris Nzabandora umuvugizi, hanyuma Joram Mushimiyimana umuyobozi w'Afurika y'iburasirazuba afite icyicaro Nairobi. Muri 1998, NZABAHIMANA yasimbuwe na Charles NDEREYEHE wari umaze kugera mu Buholandi, NDEREYEHE nawe asimburwa na Victoire INGABIRE UMUHOZA.

Dore bimbwe mu bibazo KAREKEZI yabajije NZABAHIMANA byerekana umurongo uwo munyamakuru yagenderagaho mu gihe cya jenocide, kandi sinakwemeza ko n'ubu yawuhinduye:

Je voudrais vous demander ce que vous faites de tangible pour faire comprendre aux Rwandais la vraie nature et la genèse du problème qui existe au Rwanda. En effet, il nous semble que certains étrangers n'en comprennent pas la nature et acceptent ce que leur dit le FPR ou l'interprètent comme bon leur semble.

Que faites-vous dans ce cadre ?

Translation: NIFUZAGAKUBABAZA ICYU MUKORA GIFATIKA NGO MWUMVISHE ABANYARWANDA IMITERERE NYAYO Y'IKIBAZO DUFITEMURWANDAN'INTANDARO YACYO. NSANGA BAMWE MU BANYAMAHANGA BATUMVA IMITERERE Y'ICYU KIBAZO, BAKIHUTIRA KUMVA GUSA IBYO FPR IBABWIRA CYANGWA BAKABIFATA UKO BABISHAKA. MUKORA IKI NGO MUTANGE IBYO BISOBANURO?

Nous pensons que si le problème rwandais était bien perçu, il serait facilement résolu. Nous voudrions vous informer que les étrangers qui viennent ici au Rwanda pour visiter les personnes déplacées de leurs biens et les réfugiés, ne s'intéressent qu'à ceux qui se trouvent en ville notamment dans des hôtels comme Mille Collines, Meridien et dans d'autres endroits confortables comme ces hôtels ou ils sont à l'abri de la pluie et où ils sont nourris. Ils oublient sciemment les autres innocents qui ont quitté Byumba, Ruhengeri qui viennent de passer environ quatre ans dans des abris de fortune, dans des brousses, sous la pluie, sans nourriture et sans vêtements. Que pouvez-vous faire dans ce cadre pour que les droits de ces personnes soient respectés de la même façon?

Translation: NDAKEKA KO IYABA IKIBAZO CY'U RWANDA CYASOBANURWAGA NEZA BYAKOROHAKUGIKEMURA. NAGIRANGO MBAHA AMAKURU KO ABANYAMAHANGA BAZA INO MURWANDA GUSURAA BAVANYWE MU BYABO N'IMPUNZI, BITA GUSA KU BARI MU MUJYI CYANE CYANE ABARI MURI ZA HOTELI NKA MILLE COLLINES, MERIDIEN N'AHANDI HEZA NK'AHU, KANDI ABAHARI NTIBANYAGIRWA NDETSE BANAGABURIRWA NEZA. ABO BANYAMAHANGA BIBAGIRWA KU BUSHAKE INZIRAKARENGANE ZAVUYE I BYUMBA NA RUHENERI ZIMAZE HAFI IMYAKA 4 MU NKAMBI, MU BIHURU, MU MVURA, NTA BIRIBWA BAFITE N'IMYENDA YO KWAMBARA. MWAKORA IKI KUGIRA N'GUBURENGANZIRA BW'ABO BANTU BWUBAHIRIZWE KU BURYO BUNGANA N'UBWARI MURI ZA HOTELI.

Hano Etienne Karekezi yashinyaguriraga abatutsi n'abahutu bahigwaga bari bishishe muri 100 Colline n'ahandi, avugaga ko nta kibazo bafite, kandi bizwi ko RUSESABAGINA yari abafashe nabi, abadashoboye kumwibwira akabirukana, ndetse n'abasilikare n'Interahamwe bahavanaga abantu bakajya kubica. Ibyo byose Etienne KAREKEZI yabyirengagizaga nkana akoreshe Radio Rwanda.

La sécurité commence se rétablir à l'intérieur du pays surtout dans la partie contrôlée par les Forces armées rwandaises et le Gouvernement rwandais. Mais alors, n'avez-vous pas de message à transmettre au peuple rwandais pour

l'encourager à affronter l'ennemi avec plus de force?

Translation: MURI IKI GIHE UMUTEKANO URAGENDA URUSHAHO KUBA MWIZA, CYANE CYANE MU BICE BIGENZURWA N'INGABO Z'U RWANDA NA GUVERINOMA. NI UBUIHE BUTUMVA MWAGENERA ABANYARWANDA BWO KUBASHYIGIKIRA NGO BAHANGANE N'UMWANZI BAFITE IMBARAGA N'UBUSHAKE BIHAGIJE.

Abandi banyamakuru ba Radio Rwanda

Abandi banyamakuru benshi ba Radio Rwanda mu biganiro batangaga nabo bagaye bibasira abatutsi n'Inkotanyi, mu biganiro bitandukanye bari bashinzwe no mu mirimo yabo ya buri muni kuri radio. Twavugankaga Froduald NTAWULIKURA, Alphonse MUNYAZOGEYE, Hyacinthe BICAMUMPAKA, Telesphore NYIRIMANZI, Jules-Maurice KAGINA, Joel HAKIZIMANA, Dominique MAKELI, Jean Baptiste HAKIZIMANA, Jean-Francois NSENGIYUMVA, Jean-Baptiste NUBAHUMPATSE n'abandi.

GUHARANIRA KWIGIRA

Itangazamakuru rya Leta ryakoze amahano yo kubiba urwango no gushishikariza gukora jenocide. Ibi ntibyatangiriraga ko habayeho n'irindi tangazamakuru ryaharaniye ukuri, ubutabera, amahoro n'uburenganzira bwa muntu, aribyo byatumye benshi muri abo banyamakuru bicwaga; hakaba harimo n'aba bagenzi banyu bakoreraga ORINFOR mwibuka kuri uyu mugoroba. Guharanira kwigira bivugaga kwishakamo ibisubizo, kwihesha icyubaho, kwanga agasuzuguro ariko bigakorwa mu bwubahane. Ku bireba itangazamakuru, KWIGIRA mbibonamo ibintu byinshi, ariko ku banyamakuru navugaga ibintu 3:

Kwanga kuba igikoreho

Nyuma ya jenocide, hari abanyamakuru banze guhabwa amafanga ya Reporters Sans Frontières kubera ko iyi ONG yo mu Bugaransa yabasabaga kujya bibanda ku nyandiko zinanga Guverinoma. Ubu mu Rwanda hari Radio nyinshi, zigombaga kuba zifite abaterankunga. Ibyo si bibi, ariko harimo ikibazo cy'uko abo baterankunga bashobora gusaba iza radiyo kugendera ku murongo bo bashaka. Ibyo biramutse bibaye, abanyamakuru bagomba kubanga, bagatanga amakuru agendeye ku kuri.

Guharanira ukuri

KWIGIRA kandi bivuze ko nk'abanyamakuru b'abanyarwanda, mu gihugu gifite amateka yihariye, cyabayemo jenocide ya I muri Afurika, jenocide yabaye amahanga yose arebera, hanyuma yamara guhagarikwa bakaba aribwo bagaruka, birasaba ko ukuri kujyanye no kubaka igihugu muharanira kukumenyekanisha nta shiti. Habayeho abanyamakuru baharaniye ukuri kandi basiga amateka meza. Urugero ni nyakwigendera Padiri Silvio SINDAMBIWE utajya bavugaga cyane kuko yishwe mbere ya jenocide, ariko ni umunyamakuru watanze urugero rwiza

mu kazi ke, kandi wubahishije umwuga we.

Padiri SINDAMBIWE yabayemo umuyobozi wa Kinyamateka mu kwezi kwa Mata 1980 avuye kwiga mu ishuri ry'itangazamakuru I Lille mu Bugaransa. Akihagera yihatiye guteza imbere ikinyamakuru yiyegereza abanyamakuru babishoboye nka Theodore SIMBURUDALI, Philibert RANSONI na Anastase SERUVUMBA. Inyandiko za Kinyamateka zo muri icyo myaka zayihaye isura nziza mu basomyi kuko nibwo bwa mbere habayeho ikinyamakuru gitinyuka kuvuga ibintu bitagenda neza mu gihugu, harimo ruswa, akarengane mu guhabwa amashuri n'akazi n'ibindi.

Uwo murongo Padiri SINDAMBIWE yahaye Kinyamateka watumye ubutegetsi bumwikomaga, busaba Inama y'Abasenyeri gatorika guhindura umurongo KM ikoreramo. Byatumye abasenyeri bashyirira igitunga kuri Padiri SINDAMBIWE bamusaba kureka inyandiko zivugaga ibyubutegetsi budashyamba. Padiri SINDAMBIWE yasanze atashobora, ahitamwo kwegura ku itariki 28 Ukwenda 1985. Abamuhigaga ntibanyuzwe bamwica kuwa 7/11/1989. Hari hasigaye umwaka kugira ngo intambara yo kubohora igihugu itangire, ibi bikabereka uburyo ubutegetsi bwariho bwakorehashyiraga igitunga n'iterabwoba.

Muri icyo myaka ya 1988-1989 hariyeho hicwa abantu, barimo abanyamakuru kubera ko bakoze akazi kabo neza, bagaharaniraga ukuri kandi bakakumenyekanisha. Umwaka ushize nari nababwiyeho mwe mu banyamakuru ba ORINFOR wishwe muri icyo myaka witwaga Landoual NKOMEJE, nsanga mwagombye kumushyira muri abo mwibuka kuko bazize politiki ya jenocide.

No muri jenocide kuva itangira, hari abanyamakuru ba ORINFOR banze kwifatanyaga na guverinoma y'abajenosideri mu gukwiza politiki y'urwango n'ubwicanyi. Harimo nka nyakwigendera BYIRINGIRO Seraphin wahakaniye HIGIRO ko atazasoma kuri Radio Rwanda disikuru zose zihagarikwe kwica. Ubwo nibwo butwari abanyamakuru mukwiye kwibuka no kugenderaho.

Kubumbatira ibyiza tumaze kugeraho Guharanira ukuri kandi bisaba kubaha umwuga wanyu, mukandika inkuru nyayo, zifite ishingiye ntihaheho guhimba. Kuwa muri 1994 kugeza ubu, u Rwanda rumaze kugera kuri byinshi ku buryo ubu u Rwanda ari igihugu cyizewe mu mahanga. Itangazamakuru ryo mu Rwanda ryagombye kwigira uruhare mu kumenyekanisha ibyubwiza kwigira ngo hatagira abakomeza kutureba nk'igihugu cyabayemo Jenocide gusa.

Urugero: Ibyiza bikorwa mu kwinjira abarwanyika batashye mu mashyamba ntibivugwaga bihagije. Ziriya gahunda mwagombye kuzimenyekanisha, kimwe n'izindi zose u Rwanda rwagiye rutangaza kandi rukabigeraho mu buryo buho kwiyubaka kandi nta wundi muntu wo hanze ubitugiriyemo inama.

Film isingiza Habyarimana na MRND

-Yakozwe n'Umunyamakuru Regis MURAMIRA wa Radio ONE

Umwanditsi wacu

Ubundi hari ihame ry'uko abanyamakuru batajya bandika kuri bagenzi babo cyangwa ngo bavuge amakosa bakora ariko nyuma yo gukurikira film yakozwe na Regis Muramira, umunyamakuru wa siporo kuri Radiyo One nasanze ntabyihanganira.

Muri film yise ngo Amateka ya Ruhago ya mbere ya 1994 (sinzi n'impamvu yafashe icyo gihe gusa), uwo munyamakuru ashaka kwerekana ko uwo mukino ari bwo wateye imbere kurusha nyuma ya 1994. Ikindi kigaragara ni ukuntu afata umwanya wo kwerekana uwahoze ari Perezida Habyarimana muri Stade Amahoro ku mupira abantu baririmba ya ndirimbo ngo "Umugambi ni umwe banyarwanda, amahoro, ubumwen'amajyambere, MRND yacunziza..."

N'ubwo muri football hagiye hagaragara utubazo sinemera ko uwo mukino wateye imbere cyane mbere ya 1994 kurusha ubu. Ingero zihari ni nyinshi.

Mbere nta muntu wari gutekereza ko Amavubi, ubundi yasohokaga

Gake cyane yajya mu mikino yanyuma ya CAN nk'uko byagenze muri 2004 ubwo bajyaga I Tunis kandi bakahitwara neza!

Mbere ntawatekereza ko amakipe y'u Rwanda yatsinda ayo muri aka karere kuburyo yatwara ibikombe nk'ibyo amaze



Umunyamakuru Regis MURAMIRA (Iburyo). (Photo/ Net)

gutwara muri CECAFA! Mbere nta watekereza ko U Rwanda rwakwakira amarushanwa ya Africa nka CAN U 17 na CHAN iri hafi kuza!

Ubwo se ibyo bigwi wabigereranya n'ibihe byabayeho mbere?

No mu yindi mikino kandi ni uko. Kugereranya mbere ya 1994 muri siporo iyo ari yo yose ukerekana Kinani muri Stade ni uko uba ushaka kutwerekana ko iyo ngoma yaduhokuye iruta iyaturokoye kandi mu nzego zose zitagereranywa.

Kandi iyo ukurikiye ibiganiro bya Regis Muramira kuri Radiyo One ubona bisa n'ibifite

gahunda yo gusenya siporo yo mu Rwanda. Kuri we nta gikorwa kiza muri siporo kibaho byose ni bibi cyane cyane muri football. Akora uko ashoboye ngo abantu bange imikino kandi banange n'abayobozi b'amashyirahamwe yayo.

Ubushize bwo igihe Mali ikina n'u Rwanda yahamagariye kumugaragarar abanyarwanda kutajya kureba uwo mukino. Ibyo se ni ugukunda igihugu cyangwa ni gahunda yo kugumura abantu?

Iyo atangiye kwibasira federasiyo runaka cyangwa umuyobozi runaka binyibutsa Kantano cyangwa Valeriya Bameriki igihe babaga bibasiye abantu kuri

Kandi iyo ukurikiye ibiganiro bya Regis Muramira kuri Radiyo One ubona bisa n'ibifite gahunda yo gusenya siporo yo mu Rwanda. Kuri we nta gikorwa kiza muri siporo kibaho byose ni bibi cyane cyane muri football. Akora uko ashoboye ngo abantu bange imikino kandi banange n'abayobozi b'amashyirahamwe yayo

RTL. Aramusebya akiva inyuma kenshi agahimba n'ibintu bitari byo agamije gusa kumwangisha abumva radiyo akorera.

Andi makuru namenye ni uko atajya agera ahabereye imikino cyangwa mu biganiro n'abanyamakuru, biba byateguwe n'amashyirahamwe y'imikino anyuranye. Ategereza ko impuha zimusanga aho yicaye bugacya azikwirakwiza mu kiganiro cy'imikino.

Iyo mikorere yanteye impungenge nsanga abantu badafatiye hafi mu biganiro bya siporo hashobora kuba umuyoboro w'ingengabitekerezo isenya siporo yo mu Rwanda aho kuyubaka.